Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.

A. Itegeko Ngenga / Organic Law / Loi Organique

N° 10/2013/0L ryo kuwa 11/07/2013
Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki……...**3**
N° 10/2013/0L of 11/07/2013
Organic Law governing Political Organizations and Politicians……...**3**
N° 10/2013/0L du 11/07/2013
Loi Organique portant organisation des Formations Politiques et des Politiciens……**3**

B. Amategeko / Laws / Lois

N° 42/2013 ryo kuwa 16/06/2013
Itegeko rishyiraho Urwego rw'Igihugu rw'Itangazamakuru rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byarwo……..**44**
N° 42/2013 of 16/06/2013
Law establishing Rwanda Broadcasting Agency and determining its mission, organization and functioning……**44**
N° 42/2013 du 16/06/2013
Loi portant création de l'Agence Rwandaise de Radiodiffusion et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement ……..…**44**

N° /2013 ryo kuwa 28/06/2013
Itegeko rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative (RCA) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo……**61**
N° 48/2013 of 28/06/2013
Law establishing Rwanda Cooperative Agency (RCA) and determining its mission, organisation and functioning……**61**
N° 48/2013 du 28/06/2013
Loi portant création de l'Agence Rwandaise des Coopératives (RCA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement……**61**

N° 49/2013 ryo kuwa 28/06/2013
Itegeko rishyiraho Ikigega cy'imari yo gusana imihanda (RMF) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo……...**75**
N° 49/2013 of 28/06/2013
Law establishing Road Maintenance Fund (RMF) and determining its mission, organisation and functioning……**75**
N° 49/2013 du 28/06/2013
Loi portant création du Fonds d'Entretien Routier (RMF) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement……..**75**

ITEGEKO NGENGA N° 10/2013/0L RYO KUWA 11/07/2013 RIGENGA IMITWE YA POLITIKI N'ABANYAPOLITIKI

ORGANIC LAW N° 10/2013/0L OF 11/07/2013 GOVERNING POLITICAL ORGANIZATIONS AND POLITICIANS

LOI ORGANIQUE N° 10/2013/0L DU 11/07/2013 PORTANT ORGANISATION DES FORMATIONS POLITIQUES ET DES POLITICIENS

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko ngenga rigamije

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Ingingo ya 3: Ishingwa ry'imitwe ya politiki n'uruhare rwayo

Ingingo ya 4: Icyicaro cy'umutwe wa politiki

Ingingo 5: Abatemerewe kujya mu mitwe ya politiki

Ingingo ya 6: Imyaka yo kwemererwa kujya mu mutwe wa politiki

Ingingo ya 7: Ibyo imitwe ya politiki ibujijwe n'ibyo igomba kubahiriza

UMUTWE WA II: ISHINGWA, IMITERERE N'IMIKORERE BY'IMITWE YA POLITIKI

Icyiciro cya mbere: Ishingwa ry'umutwe wa politiki

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One : Purpose of this Organic Law

Article 2: Definitions of terms

Article 3: Creation of political organizations and their contribution

Article 4: Head office of a political organization

Article 5: People not allowed to enrol in political organizations

Article 6: Age for the enrolment in a political organization

Article 7: Prohibitions and obligations to political organizations

CHAPTER II: ESTABLISHMENT, ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF POLITICAL ORGANIZATIONS

Section One: Establishment of a political organization

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier : Objet de la présente loi organique

Article 2 : Définitions des termes

Article 3: Création des formations politiques et leur contribution

Article 4: Siège d'une formation politique

Article 5: Personnes non autorisées à s'enrôler dans les formations politiques

Article 6: Age pour l'adhésion à une formation politique

Article 7: Interdictions et obligations aux formations politiques

CHAPITRE II: CREATION, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DES FORMATIONS POLITIQUES

Section première : Création des formations politiques

Ingingo ya 8: Ishingwa ry'umutwe wa politiki ushingwa	**Article 8: Establishment of a political organization**	**Article 8: Création d'une formation politique**
Ingingo ya 9: Ibibujijwe ku nyito y'umutwe wa politiki	**Article 9: Prohibitions in the naming of a political organization**	**Article 9: Interdictions dans la dénomination d'une formation politique**
Ingingo ya 10: Urwego rufite iyandikwa ry'Umutwe wa politiki mu nshingano	**Article 10: Authority in charge of registration of political organizations**	**Article 10: Autorité qui a l'enregistrement des formations politiques dans ses attributions**
Ingingo ya 11: Isaba ry'iyandikwa ry'umutwe wa politiki	**Article 11: Request for the registration of a political organization**	**Article 11: Demande d'enregistrement d'une formation politique**
Ingingo ya 12: Ibiherekeza urwandiko rusaba iyandikwa ry'umutwe wa politiki	**Article 12: Documents supporting the request for registration of a political organization**	**Article 12: Documents accompagnant la demande d'enregistrement d'une formation politique**
Ingingo ya 13: Ibisabwa umuntu ujya mu nzego z'ubuyobozi z'umutwe wa politiki	**Article 13: Requirements for being in the political organization's management**	**Article 13: Conditions pour être membre des organes de direction d'une formation politique**
Ingingo ya 14: Ibyo amategeko shingiro agenga umutwe wa politiki agomba kugaragaza	**Article 14: Content of the statutes governing political organization**	**Article 14: Contenu des statuts d'une formation politique**
Ingingo ya 15: Icyemezo kigaragaza ko umutwe wa politiki wanditswe	**Article 15: Certificate of registration of a political organization**	**Article 15: Certificat d'enregistrement d'une formation politique**
Ingingo ya 16*:* Uburenganzira bwo kuregera icyemezo umutwe wa politiki utishimiye	**Article 16: Political organization's right to appeal against the decision refusing registration**	**Article 16: Droit de recours d'une formation politique contre une décision refusant l'enregistrement**
Icyiciro cya 2: Imiterere n'imikorere by'umutwe wa politiki	**Section 2: Structure and functioning of a political organization**	**Section 2 : Organisation et fonctionnement d'une formation politique**
Ingingo ya 17: Itangazwa ry'amategeko shingiro agenga umutwe wa politiki	**Article 17: Publication of the statutes of a political organization**	**Article 17: Publication des statuts d'une formation politique**
Ingingo ya 18: Imenyekanisha ry'ibihindutse mu	**Article 18: Communication of changes in the**	**Article 18: Communication des changements**

buyobozi bw'umutwe wa politiki	**management of a political organization**	**dans la direction d'une formation politique**
Ingingo 19: Gukoresha inama mu ruhame	**Article 19: Public meetings**	**Article 19: Réunions publiques**
Ingingo 20: Gukoresha imyigaragambyo	**Article 20: Demonstrations**	**Article 20 : Manifestations**
Ingingo 21: Ihanwa ry'umutwe wa politiki wateje imvururu cyangwa umwiryane	**Article 21: Sanctions taken against a political organization causing trouble or carrying out divisive acts**	**Article 21: Sanctions prises contre une formation politique auteur de troubles ou d'actes divisionnistes**
UMUTWE WA III: ITANGAZAMAKURU RY'IMITWE YA POLITIKI	**CHAPTER III: MEDIA OF POLITICAL ORGANIZATIONS**	**CHAPITRE III: MEDIAS DES FORMATIONS POLITIQUES**
Ingingo ya 22: Uburenganzira bw'umutwe wa politiki bwo gushyiraho ibitangazamakuru byawo	**Article 22: Right of a political organization to create its media**	**Article 22: Droit d'une formation politique de créer des medias**
UMUTWE WA IV: UMUTUNGO W'UMUTWE WA POLITIKI	**CHAPTER IV: PROEPRTY OF A POLITICAL ORGANIZATIONS**	**CHAPITRE IV : PATRIMOINE D'UNE FORMATION POLITIQUE**
Ingingo ya 23: Aho umutungo w'umutwe wa politiki ukomoka	**Article 23: Sources of the property of political organization**	**Article 23: source du patrimoine d'une formation politique**
Ingingo ya 24: Impano n'imirage by'Imitwe ya Politiki	**Article 24: Donations and bequests of political organizations**	**Article 24: Dons et legs des formations politiques**
Ingingo ya 25: Ibibujwe gutangwa cyangwa kwakirwa n'umutwe wa politiki cyangwa umunyapolitiki	**Article 25: Items prohibited to be given or received by a political organization or a politician**	**Article 25: Eléments qui sont interdit à être donné ou reçu par une formation politique ou un politicien**
Ingingo ya 26: Ikorwa ry'ibaruramari	**Article 26: Accounts keeping**	**Article 26 : Tenue des comptes**
Ingingo ya 27: Igenzura ry'ibitabo by'umutungo w'umutwe wa Politiki	**Article 27: Audit of books of accounts of a political organization**	**Article 27: Audit des livres comptables d'une formation politique.**
Ingingo ya 28: Ibibujijwe gukoresha umutungo wa Leta	**Article 28: Prohibited use of State property**	**Article 28: Utilisation interdite du patrimoine de l'Etat**

UMUTWE WA V: IMIKORANIRE HAGATI Y'IMITWE YA POLITIKI CYANGWA IZINDI NZEGO	**CHAPTER V: RELATIONSHIPS BETWEEN POLITICAL ORGANIZATIONS OR OTHER ORGANS**	**CHAPITRE V: RAPPORTS ENTRE LES FORMATIONS POLITIQUES OU LES AUTRES INSTITUTIONS**
Ingingo ya 29: Umubano w'imitwe ya politiki	**Article 29: Cooperation of political organizations**	**Article 29: Coopération des formations politiques**
UMUTWE WA VI: KWISHYIRA HAMWE NO KWIBUMBIRA HAMWE KW'IMITWE YA POLITIKI	**CHAPTER VI: COALITION AND MERGER OF POLITICAL ORGANIZATIONS**	**CHAPITRE VI: COALITION ET FUSION DES FORMATIONS POLITIQUES**
Ingingo ya 30: Amaserano yo gukora ishyirahamwe	**Article 30: Agreement to form a coalition**	**Article 30 : Convention de coalition**
Ingingo ya 31: Kwibumbira hamwe kw'imitwe ya politiki	**Article 31: Merging political organizations**	**Article 31: Fusion des formations politiques**
Ingingo ya 32: Igihe imitwe ya politiki ibujijwe kwibumbira muri umwe	**Article 32: Period during which political organizations are prohibited to merge**	**Article 32: Période pendant laquelle il est interdit aux formations politiques de fusionner**
Ingingo ya 33: Ikemurwa ry'ibibazo mbere yo guhuza imitwe ya politiki	**Article 33: Settlement of issues before the merging of political organizations**	**Article 33: Résolution des problèmes avant la fusion des formations politiques**
UMUTWE WA VII: IMYITWARIRE Y'IMITWE YA POLITIKI N'IY'ABANYAPOLITIKI	**CHAPTER VII: CODE OF CONDUCT FOR POLITICAL ORGANIZATIONS AND POLITICIANS**	**CHAPITRE VII : ETHIQUE DES FORMATIONS POLITIQUES ET DES POLITICIENS**
Ingingo ya 34: Imyitwarire muri rusange	**Article 34: Conduct in general**	**Article 34: Ethique en général**
Ingingo ya 35: Imyitwarire y'umunyapolitiki n'umutwe wa politiki mu bihe by'amage cyangwa imidugararo	**Article 35: Code of conduct of a politician and a political organization during the period of state of siege or state of emergency**	**Article 35: Code de conduite d'un politicien et d'une formation politique ou durant l'état de siège et l'état d'urgence**
Ingingo ya 36: Ibisabwa umunyapolitiki n'umutwe wa politiki mu bihe by'amage cyangwa by'imidugararo	**Article 36: Requirements to a politician and a political organization during the state of siege or state of emergency**	**Article 36: Exigences au politicien et à une formation politique durant l'état de siège et d'urgence**

Ingingo ya 37: Ibitegetswe umunyapolitiki n'umutwe wa politiki mu bihe by'ihiganwa n'amatora	**Article 37: Requirements for a politician and a political organization during the period of competition and elections**	**Article 37: Exigences au politicien et à une formation politique pendant la période de compétition ou d'élection**
Ingingo ya 38: Ibigomba kubahirizwa n'umunyapolitiki n'umutwe wa politiki mu bihe bisanzwe	**Article 38: Issues to be respected by a politician and a political organization during ordinary times**	**Article 38: Exigences au politicien et à une formation politique pendant les périodes ordinaires**
Ingingo ya 39: Ibibujijwe umunyapolitiki n'umutwe wa politiki	**Article 39: Prohibition to a politician and political organization**	**Article 39: Interdiction au politicien et à la formation politique**
Ingingo ya 40: Ibindi umunyapolitiki abujijwe	**Article 40: Other prohibition to politician**	**Article 40: Autres interdictions au politicien**
UMUTWE WA VIII: IBIHANO N'IBYEMEZO BIFATIRWA UMUTWE WA POLITIKI N'ABANYAPOLITIKI	**CHAPTER VIII: SANCTIONS AND DECISIONS TAKEN AGAINST A POLITICAL ORGANISATION AND POLITICIANS**	**CHAPITRE VIII : SANCTIONS ET DECISIONS PRISES A L'ENCONTRE D'UNE FORMATION POLITIQUE ET DES POLITICIENS**
Ingingo ya 41: Urwego rushobora kurega umutwe wa politiki	**Article 41: Organ that can sue a political organization**	**Article 41: Organe qui peut introduire une action en justice contre une formation politique**
Ingingo ya 42: Ihanwa ry'umunyapolitiki	**Article 42: Sanctions against a politician**	**Article 42: Sanctions contre un politicien**
Ingingo ya 43: Isimburwa ry'Abadepite bo mu mutwe wa politiki washeshwe	**Article 43: Replacement of Deputies from a dissolved political organization**	**Article 43: Remplacement des Députés issus d'une formation politique dissoute**
Ingingo ya 44: Uburyo ibihano byafatiwe umutwe wa politiki biwumenyeshwa	**Article 44: Modalities of notifying a political organization of sanctions taken against it**	**Article 44: Modalités de notifier une formation politique des sanctions prises à son encontre**
Ingingo ya 45: Ibyemezo bifatirwa umutwe wa Politiki ugaragayeho uburiganya mu gushaka abayoboke	**Article 45: Measures taken against a political organization that shows irregularities in the enrolment of members**	**Article 45: Mesures contre une formation politique caractérisée par des irrégularités dans le recrutement des membres**
Ingingo ya 46: Ibihano bihabwa umutwe wa politiki udashyikiriza ibitabo by'umutungo urwego rw'Umuvunyi	**Article 46: Sanctions to a political organization that does not submit its financial statements to the Office of the Ombudsman**	**Article 46: Sanctions pour une formation politique qui ne soumet pas ses états financiers à l'Office de l'Ombudsman**

Ingingo ya 47: Uburyo umutungo w'umutwe wa politiki washeshwe ukoreshwa	**Article 47: Use of the property of a dissolved political organization**	**Article 47: Utilisation du patrimoine d'une formation politique dissoute**
Ingingo ya 48: Uburyo icyemezo cyafashwe n'umutwe wa politiki gishobora kuvaho	**Article 48: Cancellation of a decision taken by a political organization**	**Article 48: Annulation d'une décision prise par une formation politique**
UMUTWE WA IX: IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI	**CHAPTER IX: THE NATIONAL CONSULTATIVE FORUM OF POLITICAL ORGANIZATIONS**	**CHAPITRE IX : FORUM NATIONAL DE CONCERTATION DES FORMATIONS POLITIQUES**
Ingingo ya 49: Ubwigenge, ubwisanzure n'icyicaro by'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki	**Article 49: Independence, freedom and head office of the National Consultative Forum of Political organizations**	**Article 49: Indépendance, liberté et siège du Forum de Concertation des Formations Politiques**
Ingingo 50: Inshingano z'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki	**Article 50: Responsibilities of the National Consultative Forum of Political Organizations**	**Article 50: Responsabilités du Forum de Concertation des Formations Politiques**
Ingingo ya 51: Aho umutungo w'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ukomoka	**Article 51: Sources of the property of the Consultative Forum of Political organizations**	**Article 51: Source du patrimoine du Forum de Concertation des Formations Politiques**
Ingingo ya 52: Igenzura ry'imikoreshereze y'inkunga igenerwa Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki	**Article 52: Audit of the use of grants given to the National Consultative Forum of Political Organizations**	**Article 52: Audit de l'utilisation des subventions accordées au Forum National de Concertation des Formations Politiques**
Ingingo ya 53: Ihagararirwa rya buri mutwe wa Politiki mu nama y'Inama rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya Politiki	**Article 53: Representation of each political organization in the General Assembly of the National Consultative Forum of Political Organizations**	**Article 53 : Représentation de chaque formation politique à l'assemblée générale du Forum National de Concertation des Formations Politiques**
Ingingo ya 54: Ubuyobozi bw'Ihuriro ry'Igihugu Nyungurabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki	**Article 54: Management of the National Consultative Forum of Political Organizations**	**Article 54: Direction du Forum National de Concertation des Formations Politiques**

UMUTWE WA X: INGINGO Z'INZIBACYUHO, IZINYURANYE N'IZISOZA	**CHAPTER X: TRANSITIONAL, MISCELLENEOUS AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE X: DISPOSITIONS TRANSITOIRES, DIVERSES ET FINALES**
Ingingo ya 55: Imitwe ya politiki isanzwe yemewe	**Article 55: Political organizations already registered**	**Article 55: Formations politiques déjà reconnues**
Ingingo ya 56: Amadosiye n'izindi nyandiko zari zibitswe na Minisiteri	**Article 56: Files and other documents kept by the Ministry**	**Article 56: Dossiers et autres documents gardés par le Ministère**
Ingingo ya 57: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko ngenga	**Article 57: Drafting, consideration and adoption of this organic law**	**Article 57: Initiation, examen et adoption de la présente loi organique**
Ingingo ya 58: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenga	**Article 58: Repealing provision**	**Article 58: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 59: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa	**Article 59: Commencement**	**Article 59: Entrée en vigueur**

ITEGEKO NGENGA N° 10/2013/0L RYO KU WA 11/07/2013 RIGENGA IMITWE YA POLITIKI N'ABANYAPOLITIKI

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU GAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 10 Kamena 2013;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 02 Gicurasi 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 52, iya 53, iya 54, iya 55, iya 56, iya 57, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108 n'iya 201;

Isubiye ku Itegeko Ngenga n°16/2003 ryo kuwa 27/06/2003 rigenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

ORGANIC LAW N° 10/2013/0L OF 11/07/2013 GOVERNING POLITICAL ORGANIZATIONS AND POLITICIANS

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 10 June 2013;

The Senate, in its session of 02 May 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 52, 53, 54, 55, 56, 57, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108 and 201;

Having reviewed the Organic Law n° 16/2003 of 27/06/2003 governing Political Organizations and Politicians as modified and complemented to date;

LOI ORGANIQUE N° 10/2013/0L DU 11/07/2013 PORTANT ORGANISATION DES FORMATIONS POLITIQUES ET DES POLITICIENS

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 10 juin 2013 ;

Le Sénat, en sa séance du 02 mai 2013;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 52, 53, 54, 55, 57, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108 et 201;

Revu la Loi Organique n° 16/2003 du 27/06/2003 régissant les formations politiques et des politiciens telle que modifiée et complétée à ce jour ;

YEMEJE :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko ngenga rigamije

Iri tegeko ngenga rigenga imitwe ya politiki n'abanyapolitiki.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko ngenga, amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira:

1° **igihe cy'amatora:** igihe kigenwa n'iteka rya Perezida kigaragaza gahunda y'amatora rusange uhereye ku munsi atangiriraho kugeza ku munsi w'itangazwa rya burundu ry'ibyavuye mu matora;

2° **igihe cy'ihiganwa:** igihe cyo kwiyamamaza mu gihe cy'amatora;

3° **ibihe bisanzwe muri politiki:** ibihe bitari iby'amage cyangwa iby'imidugararo, n'ibihe bitari iby'amatora;

4° **Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki:** urubuga Imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda yabisabye kandi ikabyemererwa ihuriramo igamije kungurana ibitekerezo kuri politiki y'Igihugu;

ADOPTS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One : Purpose of this Organic Law

This Organic Law governs political organizations and politicians.

Article 2: Definitions of terms

In this Organic Law, the following terms shall have the following meanings:

1° **the period of elections:** the period determined by a presidential order specifying the schedule of general elections from the date of the beginning to the official announcement of final results;

2° **period of competition:** period of electoral campaign;

3° **ordinary times in politics:** times that are not a state of emergency or a state of siege, and times that are not for elections;

4° **National Consultative Forum of Political Organizations:** a platform where registered political organizations in Rwanda whose membership application has been agreed meet for consultation on the national policy;

ADOPTE :

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier : Objet de la présente loi organique

La présente loi organique porte organisation des formations politiques et des politiciens.

Article 2 : Définitions des termes

Aux fins de la présente loi organique, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

1° **période des élections**: période prévue par un arrêté présidentiel précisant la date de début des élections générales jusqu'à la proclamation officielle des résultats**;**

2° **période de compétition:** période de la campagne électoral**e;**

3° **périodes ordinaires en politique** : périodes qui ne sont pas l'état d'urgence ou l'état de siège, et des périodes non électorales;

4° **Forum National de Concertation des Formations Politiques :** cadre dans lequel les formations politiques agréées au Rwanda dont la demande d'être membre a été acceptée se rencontrent pour consultation sur la politique nationale ;

5° **inama mu ruhame:** inama ishobora kwitabirwa n'umuntu ushatse wese ku buryo n'utayitumiwemo ashobora kuyijyamo;

6° **umutwe wa politiki*:*** ihuriro ry'abenegihugu bahujwe n'ibitekerezo n'imyumvire imwe mu guteza imbere imibereho myiza y'abaturage bose n'amajyambere y'Igihugu, bagamije kugera ku butegetsi mu nzira za demokarasi n'amahoro, kugira ngo babashe kubishyira mu bikorwa;

7° **umunyapolitiki:** umuntu wese ukora ibikorwa bya politiki nk'uko biteganywa mu gace ka gatandatu (6) k'iyi ngingo yaba abikora ku giti cye cyangwa abinyujije mu mutwe wa politiki.

5° a public meeting: a meeting which can be attended by any person, whether invited or not;

6° **political organization:** an association of citizens sharing the same thinking and views on the development of social welfare of all the population and the development of the country, with the objective to accede to power through democratic and peaceful ways, to be able to put them in action;

7° **politician:** any person carrying out political activities as provided for in item six (6) of this Article, be it individually or through a political organization.

5° **une réunion publique:** une réunion à laquelle toute personne peut assister, qu'elle soit invitée ou non.

6° **formation politique :** une organisation de citoyens qui partagent des idées et points de vue communs sur le bien-être social de tous les citoyens et le développement du pays, avec comme objectif d'accéder au pouvoir par des voies démocratiques et pacifiques en vue de leur réalisation;

7° **politicien :** toute personne qui exerce une activité politique telle que définie au point six (6) du présent article, soit à titre individuel, soit par le biais d'une formation politique.

Ingingo ya 3: Ishingwa ry'imitwe ya politiki n'uruhare rwayo

Imitwe ya Politiki yemerewe gushingwa no gukora mu bwisanzure. Igomba kubahiriza Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, andi mategeko n'amahame ya demokarasi kandi ntihungabanye ubumwe bw'Abanyarwanda, ubusugire n'umutekano by'Igihugu.

Imitwe ya politiki igomba gufatwa kimwe imbere y'inzego za Leta. Imitwe ya politiki igomba kugira uruhare mu gufasha Leta kugera ku ntego ihoraho yo gukorera abaturage. Igomba kandi kwigisha abenegihugu gukora politiki igendera kuri demokarasi, gutora no gutorwa, ikanakora ku buryo

Article 3: Creation of political organizations and their contribution

Political organizations shall be formed and allowed to operate freely. They must abide by the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, other laws and principles of democracy and shall not trouble the unity of Rwandans, the integrity and the security of the Country.

Political organizations shall be equal before Government Institutions. Political organizations must contribute to achieving the Government's permanent mission of serving the population. They must also contribute to educating the citizens on engaging in political activities based on democracy,

Article 3: Création des formations politiques et leur contribution

Les formations politiques sont créées et sont autorisées à exercer leurs activités librement. Elles doivent respecter la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003 telle que révisée à ce jour, les autres lois ainsi que les principes démocratiques. Elles ne doivent pas porter atteinte à l'unité nationale des Rwandais, à l'intégrité et à la sécurité du pays.

Les formations politiques sont traitées sur un même pied d'égalité devant les institutions de l'Etat. Les formations politiques doivent contribuer à la réalisation de la mission permanente de l'Etat d'être au service de la population. Elles doivent également concourir à l'éducation politique démocratique des

abagore n'abagabo bagira amahirwe angana yo kugera ku myanya n'imirimo ya Leta itorerwa.

electing and being elected and ensure that women and men get equal opportunity to get into elective mandates and government duties.

citoyens ainsi qu'à l'expression au suffrage et prennent les mesures nécessaires en vue d'assurer l'égal accès des femmes et des hommes aux mandats électoraux et aux fonctions électives de l'Etat.

Ingingo ya 4: Icyicaro cy'umutwe wa politiki

Inzego z'ubuyobozi bw'imitwe ya politiki zigira icyicaro ku rwego rw'Igihugu.

Inzego z'ubuyobozi bw'imitwe ya politiki zemerewe kandi kugira icyicaro cy'ubuyobozi ku nzego zose z'imitegekere y'Igihugu.

Article 4: Head office of a political organization

The administrative organs of political organizations shall have a head office at the national level.

The administrative organs of Political organizations may also have an administrative office at all levels of administrative entities in the country.

Article 4: Siège d'une formation politique

Les organes administratifs des formations politiques ont un siège au niveau national.

Les organes administratifs des formations politiques peuvent aussi avoir un siège administratif au niveau de toutes les entités administratives du pays.

Ingingo 5: Abatemerewe kujya mu mitwe ya politiki

Abacamanza, abashinjacyaha, abasirikari, abapolisi n'abakozi bo mu rwego rw'Igihugu rushinzwe ipererezа, ntibemerewe kujya mu mitwe ya politiki.

Article 5: People not allowed to enrol in political organizations

Judges, prosecutors, members of the Rwanda Defense Force, members of Rwanda National Police and members of National Intelligence and Security Service shall not be members of political organizations.

Article 5: Personnes non autorisées à s'enrôler dans les formations politiques

Les juges, les Officiers de Poursuite Judiciaire, les membres des Forces Rwandaises de Défense, les membres de la Police Nationale du Rwanda ainsi que les membres du Service Nationale de renseignement et de Sécurité ne peuvent adhérer à des formations politiques.

Ingingo ya 6: Imyaka yo kwemererwa kujya mu mutwe wa politiki

Uretse ibiteganywa mu ngingo ya 5 y'iri tegeko ngenga, umunyarwanda wese ugejeje nibura ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko afite uburenganzira bwo kujya cyangwa kutajya mu mutwe wa politiki. Icyakora, ntawe ushobora kuba, mu gihe kimwe, mu mitwe ya politiki irenze umwe (1).

Article 6: Age for the enrolment in a political organization

Except for persons referred to in Article 5 of this Organic Law, every Rwandan of at least eighteen (18) years old has the right to enrol or not in a political organization. However, nobody shall be allowed to be a member of more than one (1) political organization at the same time.

Article 6: Age pour l'adhésion à une formation politique

A l'exception des personnes citées à l'article 5 de la présente loi organique, tout Rwandais âgé de 18 ans au moins est libre d'adhérer ou de ne pas adhérer à une formation politique. Toutefois, nul ne peut être à la fois membre de plus d'une (1) formation politique.

Nta Munyarwanda ushobora kuzizwa ko ari mu mutwe wa politiki uyu n'uyu cyangwa ko nta mutwe wa politiki arimo.

No Rwandan shall be discriminated by reason of being a member of a given political organization or on account of not belonging to any political organization.

Aucun Rwandais ne peut faire l'objet de discrimination du fait qu'il appartient à telle formation politique ou qu'il n'adhère à aucune formation politique.

Ingingo ya 7: Ibyo imitwe ya politiki ibujijwe n'ibyo igomba kubahiriza

Imitwe ya politiki ibujijwe gushingira ku isano muzi, ku bwoko, ku muryango, ku nzu, ku gisekuru, ku karere, ku gitsina, ku idini cyangwa ku kindi kintu cyose cyatuma habaho ivangura.

Buri gihe umutwe wa politiki ugomba kugaragaramo ubumwe bw'Abanyarwanda, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo haba mu gushaka abayoboke, gushyiraho inzego z'ubuyobozi, mu mikorere no mu bikorwa byawo.

Buri mutwe wa politiki ugomba kugira abagore mu myanya y'inzego zifatirwamo ibyemezo bangana nibura na mirongo itatu ku ijana (30%).

Imyanya y'ubuyobozi mu nzego zose z'umutwe wa Politiki igomba gutorerwa.

Article 7: Prohibitions and obligations to political organizations

Political organizations are prohibited from basing themselves on race, ethnic group, tribe, lineage, region, sex, religion or any other division which may lead to discrimination.

Political organization must constantly reflect the unity of the people of Rwanda, gender equality and complementality, whether in the recruitment of members, putting in place organs of leadership and in their operations and activities.

Each political organization shall have at least thirty percent (30%) of posts in decision making organs awarded to women.

Management positions in all organs of a political organisation must be elected for.

Article 7: Interdictions et obligations aux formations politiques

Il est interdit aux formations politiques de s'identifier à une race, une ethnie, une tribu, une lignée, une région, un sexe, une religion ou à tout autre élément pouvant servir de base de discrimination.

La formation politique doit constamment refléter l'unité du peuple rwandais et la promotion du « genre » dans le recrutement de leurs adhérents, la composition de leurs organes de direction et dans tout leur fonctionnement et leurs activités.

Au moins trente pourcent (30%) des postes de prise de décision de chaque formation politique doivent être attribués aux femmes.

Les postes de direction dans toutes les instances d'une formation politique doivent être soumis à l'élection.

UMUTWE WA II: ISHINGWA, IMITERERE N'IMIKORERE BY'IMITWE YA POLITIKI

Icyiciro cya mbere: Ishingwa ry'umutwe wa politiki

Ingingo ya 8: Ishingwa ry'umutwe wa politiki

Umutwe wa politiki ushingwa biturutse ku cyemezo cy'urwego ruhuza abayoboke bawo bwa mbere bakemeza amategeko shingiro awugenga hamwe n'amategeko ngengamikorere yawo.
Inama zitegura cyangwa zemeza ishingwa ry'umutwe wa politiki zubahiriza amategeko agenga amateraniro cyangwa inama ziteranira mu ruhame.

Ingingo ya 9: Ibibujijwe ku nyito y'umutwe wa politiki

Umutwe wa politiki ntushobora kugira izina rirambuye cyangwa rihinnye n'ibindi bimenyetso biwuranga bikoreshwa n'undi mutwe wa politiki na Leta cyangwa se izindi nzego, zaba iza Leta, iz'abikorera cyangwa iz'imiryango itari iya Leta.

Ingingo ya 10: Urwego rufite iyandikwa ry'imitwe ya politiki mu nshingano zarwo

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imiyoborere (RGB) ni rwo rwego rufite iyandikwa ry'imitwe ya politiki mu nshingano zacyo.

Buri mutwe wa politiki umenyesha urwego rufite

CHAPTER II: ESTABLISHMENT, ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF POLITICAL ORGANIZATIONS

Section One: Establishment of a political organization

Article 8: Establishment of a political organization

A political organization shall be established upon the decision of the first general assembly of its members in which they approve its statutes and internal rules and regulations.
Meetings preparing or deciding on the establishment of a political organization shall comply with the laws governing public gatherings.

Article 9: Prohibitions in the naming of a political organization

No political organization shall have a full or abbreviated name, acronym or other insignia that are already used by another political organization, the Government or other public or private organs or non government organisations.

Article 10: Authority in charge of registration of political organizations

The Rwanda Governance Board (RGB) shall be the authority in charge of registration of political organizations.

Each political organization shall inform in writing

CHAPITRE II: CREATION, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DES FORMATIONS POLITIQUES

Section première : Création d'une formation politique

Article 8: Création d'une formation politique

Une formation politique est créée par la décision prise par ses membres réunis dans une assemblée constituante qui adopte ses statuts et son règlement d'ordre intérieur.
Les réunions préparatoires de la création d'une formation politique doivent se conformer aux lois régissant les réunions publiques.

Article 9: Interdictions dans la dénomination d'une formation politique

Aucune formation politique ne peut porter une dénomination, un sigle et autres insignes utilisés par une autre formation politique, l'Etat ou autres organes publics ou privés ou organisations non gouvernementales.

Article 10: Autorité qui a l'enregistrement des formations politiques dans ses attributions

L'Office Rwandais de la Gouvernance (RGB) est l'autorité qui a l'enregistrement des formations politiques dans ses attributions.

Chaque formation politique informe par écrit

iyandikwa ry'Imitwe ya Politiki mu nshingano zarwo, mu nyandiko, aho ufite icyicaro ku rwego rw'Igihugu no ku nzego z'imitegekere y'Igihugu n'amazina y'abawuhagarariye n'umwirondoro wabo.

the authority in charge of registration of political organizations of the location of its head office both at the national level and administrative entities and names of its representatives and their identities.

l'autorité ayant l'enregistrement des formations politiques dans ses attributions de l'adresse de son siège au niveau tant national que celui des entités administratives et des noms de ses représentants et de leur identification.

<u>Ingingo ya 11:</u> Isaba ry'iyandikwa ry'umutwe wa politiki

Abashinze imitwe ya politiki bagomba gushyikiriza Urwego rufite iyandikwa ry'imitwe ya politiki mu nshingano zarwo urwandiko rusaba ko umutwe wa politiki wandikwa kandi bagahabwa icyemezo ko rwakiriwe.

<u>Article 11:</u> Request for the registration of a political organization

Founders of political organizations shall submit to the authority in charge of the registration of political organizations a letter requesting for their organization to be registered with an acknowledgement for receipt.

<u>Article 11:</u> Demande d'enregistrement d'une formation politique

Les fondateurs d'une formation politique doivent déposer une demande d'enregistrement, avec accusé de réception, auprès de l'autorité chargée de l'enregistrement des formations politiques.

Umubare w'abashyize umukono ku mategeko shingiro agenga umutwe wa politiki ugomba kuba nibura magana abiri (200) mu gihugu cyose, barimo nibura abantu batanu (5) babarurirwa muri buri Karere.

The number of members who signed the statutes governing the political organization shall be at least two hundred (200) in the whole country, with at least five (5) people having their domicile in each district.

Le nombre des membres signataires des statuts d'une formation politique doit être au moins de deux cent (200) personnes dans tout le pays dont cinq (5) au moins domiciliés dans chaque district.

Ibiteganywa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo, ntibireba imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda yagiyeho mbere yuko iri tegeko ngenga ritangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Paragraphs One and 2 of this Article shall not apply to political organizations officially recognised in Rwanda that were established before the publication of this Organic Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Les dispositions des alinéas premiers et 2 du présent article ne s'appliquent pas aux formations politiques officiellement reconnues au Rwanda qui ont été créées avant la publication de la présente loi organique dans le Journal Officiel de la République du Rwanda.

<u>Ingingo ya 12:</u> Ibiherekeza urwandiko rusaba iyandikwa ry'umutwe wa politiki

Urwandiko rusaba ko umutwe wa politiki wandikwa ruherekezwa n'ibi bikurikira:

<u>Article 12:</u> Documents supporting the request for registration of a political organization

The letter requesting for the registration of a political organization shall be accompanied by the following:

<u>Article 12:</u> Documents accompagnant la demande d'enregistrement d'une formation politique

Le dossier de demande d'enregistrement d'une formation politique doit comprendre :

1° kopi eshatu (3) z'amategeko shingiro

1° three (3) certified copies of the statutes

1° trois (3) copies notariées des statuts de la

agenga umutwe wa politiki ziriho umukono wa Noteri;

2° kopi eshatu (3) z'inyandikomvugo z'inteko rusange yashinze umutwe wa politiki ziriho umukono wa Noteri w'Akarere k'aho inama yabereye;

3° kopi eshatu (3) z'amategeko ngengamikorere yawo;

4° kuri buri wese mu bahagarariye umutwe wa politiki imbere y'amategeko:

a) icyemezo cy'umwirondoro wuzuye;

b) icyemezo cy'aho abarizwa gitangwa n'umuyobozi w'Akarere;

c) icyemezo cy'ubutabera kigaragaza ko atigeze akatirwa. Yaba yarakatiwe kikagaragaza icyaha yahaniwe n'igihano yahawe.

Umutwe wa politiki wanditswe ugomba kumenyesha urwego rushinzwe iyandikwa ry'imitwe ya politiki aho ufite ibiro mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) wemerewe burundu.

<u>Ingingo ya 13:</u> Ibisabwa umuntu ujya mu nzego z'ubuyobozi z'umutwe wa politiki

Kugira ngo umuntu ajye mu nzego z'ubuyobozi z'umutwe wa politiki agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

governing the political organization;

2° three (3) copies of the minutes of the general assembly that established the political organization, certified by the notary of the District where the general assembly was held;

3° three copies (3) of the internal rules and regulations of the political organization;

4° for each legal representative of the political organization :

a) a full identification certificate ;

b) a certificate of residence which is issued by the Mayor of the District;

c) a criminal record showing that he/she has not been sentenced, and if sentenced the offence committed and the penalty pronounced.

A political organization registered shall, within a period not exceeding one (1) month after its final registration, inform the authority in charge of the registration of political organizations on the location of its offices.

<u>Article 13:</u> Requirements for being in the political organization's management

For anyone to be in the management of a political organization he/she shall fulfil the following:

formation politique;

2° trois (3) copies du procès-verbal de l'assemblée constituante de la formation politique, certifiés par le notaire du District où l'assemblée constituante s'est tenue ;

3° trois (3) copies du règlement d'ordre intérieur de la formation politique ;

4° pour chaque représentant légal de la formation politique :

a) une attestation d'identité complète;

b) une attestation de résidence délivrée par le Maire de District;

c) un extrait du casier judiciaire indiquant qu'il n'a pas été condamné, et dans le cas contraire, l'infraction commise et la peine lui infligée.

Une formation politique dûment enregistrée doit informer l'autorité chargée de l'enregistrement des formations politiques où se trouvent ses bureaux dans un délai ne dépassant pas un (1) mois après son enregistrement définitif.

<u>Article 13:</u> Conditions pour être membre des organes de direction d'une formation politique

Pour être membre des organes de direction d'une formation politique, il faut remplir les conditions suivantes :

1° kuba ari Umunyarwanda;	1° to be of Rwandan nationality;	1° être de nationalité rwandaise ;
2° kuba afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;	2° to be at least twenty one (21) years old;	2° être âgé de vingt-et-un (21) ans au moins ;
3° kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;	3° not to have been deprived of his/her civil or political rights by court ;	3° ne pas avoir été privé de ses droits civils et politiques par les juridictions;
4° kuba atuye mu Rwanda;	4° to have his/her domicile in Rwanda;	4° avoir son domicile au Rwanda ;
5° kuba atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);	5° not to have been sentenced to an imprisonment equal to or exceeding six (6) months;	5° n'avoir pas été condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;
6° kuba ari indakemwa mu myifatire no mu mibanire ye n'abandi;	6° to have irreproachable morals and probity;	6° être de bonne moralité et d'une grande probité ;
7° kuba ataragize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi.	7° not to have committed crimes of Genocide against the Tutsi.	7° n'avoir pas commis le crime de Génocide contre les Tutsi.
Ingingo ya 14: Ibyo amategeko shingiro agenga umutwe wa politiki agomba kugaragaza	**Article 14: Content of the statutes governing a political organization**	**Article 14: Contenu des statuts d'une formation politique**
Amategeko shingiro agenga umutwe wa politiki agomba gutandukana n'amategeko ngengamikorere yawo.	The statutes governing a political organization shall be differentiated from its internal rules and regulations.	Les statuts d'une formation politique doivent être distincts de son règlement d'ordre intérieur.
Amategeko shingiro agenga umutwe wa politiki agomba kugaragaza cyane cyane ibi bikurikira:	The statutes of a political organization shall especially contain clearly the following:	Les statuts d'une formation politique doivent spécialement mentionner ce qui suit:
1° inyito yuzuye y'umutwe wa politiki;	1° the full name of the political organization;	1° dénomination complète de la formation politique;
2° intego zawo;	2° its objectives;	2° ses objectifs;
3° imiterere n'inzego ziwugize;	3° its structure and organs;	3° ses structures et organes;

4° icyicaro cyawo kigomba kuba kiri mu Rwanda;	4° its head office which shall be in Rwanda;	4° son siège qui doit être au Rwanda ;
5° abagize inzego zawo, uburyo batorwa n'uburyo basimburwa, n'igihe bamara ku mirimo n'inshingano zabo;	5° the members of its organs, modalities for their election and replacement, their term of office and responsibilities;	5° les membres de ses organes, les modalités de leur élection et de leur remplacement, la durée de leur mandat ainsi que leurs attributions ;
6° ibisabwa mu kwemererwa kuba umuyoboke, mu gusezera no kwirukanwa kw'abayoboke;	6° the requirements for membership, resignation and dismissal of members;	6° les conditions d'adhésion, de démission et d'exclusion des membres ;
7° abahagarariye umutwe wa politiki;	7° the legal representatives of the political organization;	7° les représentants légaux de la formation politique;
8° ingingo zerekeye umutungo;	8° the provisions related to the property;	8° les dispositions relatives au patrimoine;
9° ingingo zerekeye guhindura amategeko shingiro awugenga cyangwa kuwusesa;	9° the provisions relating to the amendments of its statutes and its dissolution;	9° les dispositions relatives à la modification des statuts ou à la dissolution de la formation politique ;
10° icyo umutungo wawo ukoreshwa mu gihe usheshwe ku bushake bwawo cyangwa biturutse ku cyemezo cy'urukiko.	10° the fate of its assets when the political organization is dissolved voluntarily or following a court's decision.	10° l'affectation du patrimoine en cas de dissolution volontaire ou sur décision judiciaire.
